



Uzagirira urwango umukunzi wanje, mutangarije intambara hagati yanje na we; kandi nta gikorwa umugaragu wanje yakifashisha anyiyegereza kiruta kuba yakora ibyo namutegetse

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu yaravuze ati: Uzagirira urwango umukunzi wanje, mutangarije intambara hagati yanje na we; kandi nta gikorwa umugaragu wanje yakifashisha anyiyegereza kiruta kuba yakora ibyo namutegetse; kandi umugaragu wanje akomeza kuniyegereza akora ibikorwa by'umugereka atategetswe kugeza ubwo mukunze. Iyo mukunze mubera amatwi yumvisha, n'amaso arebesha, n'amaboko akoresha, n'amaguru agendesha! N'iyo ansabye muha ibyo ansabye, n'iyo anyiyambaje ngo ngire icyo murinda ndabikora! Kandi sinigeze nshidikanya ku kintu nkora nk'uko nshidikanya igihe umwemeramana agiye gupfa, yanga urupfu nanje nkanga ikimubabaza!"

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) muri iyi Hadith Al Qud'siy iragaragaza ko Allah Nyir'ubutagatifu yavuze ati: Uzabangamira umwe mu bakunzi banje cyangwa se akamurakaza ndetse akamugirira urwango, uwo mutangarije ko nanje nzarumugirira. Umukunzi ni umwemeramana wese utinya Allah, kandi ikigero umugaragu wa Allah afite cyo kwemera no gutinya Imana, ni nacyo kigero Allah amukundamo. Nta gikorwa umuyisilamu yakora agamije kwiyegereza Nyagasani we cyaruta gukora ibyo yamutegetse nko gukora ibyo yamutegetse no kureka ibyo yamubujije, kandi umuyisilamu akomeza kwiyegereza Nyagasani we akora ibikorwa by'umugereka hamwe n'iby'itegeko kugera ubwo agera ku gukundwa na Allah. Iyo Allah amukunze, amushoboza kugera ku byo ashaka binyuze kuri izi ngingo enye: Amushoboza ku kumva, ntagire ibindi yumva usibye ibishimisha Allah. Amushoboza kukureba, ntagire ibindi areba usibye ibyo Allah akunda ndetse anishimira. Amushoboza mu maboko ye, ntagire ibindi akora uretse ibyo Allah yishimira. Amushoboza amaguru ye, ntagire ahandi ayagendesha usibye mu bishimisha Allah, ntagire ahandi ajya usibye mu byiza. Hamwe n'ibyo byose, iyo asabye Allah ikintu arakimuha, ubusabe bwe bukakirwa; n'iyo yikinze kuri Allah ngo agire icyo amurinda, Allah aramurinda akamukiza ibyo atinya. Nyuma Allah arangije aravuga ati: Kandi sinja nshidikanya ku gikorwa ngiye gukora nk'uko nshidikanya igihe ngiye kwisubiza roho y'umwemeramana kubera kumugirira impuhwe, kubera ko yanga urupfu kuko rubabaza, na Allah yanga gukora ibibabaza umwemeramana.

النّجَاةُ الْخَيْرِيَّةُ
ALNAJAT CHARITY

